# ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

## ITANGAZO RY'INAMA Y'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

None kuwa kane, tariki ya 24 Ukwakira 2013, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro Hon. Me MUKABARANGA Agnes.

Ku murongo w'ibyizwe hari :

(1) Kwemeza inyandikomvugo y'inama yo kuwa 25 Kamena 2013;
(2) Kugezwaho Raporo y'ibikorwa mu mwaka w'ingengo y'imari 2012/2013 no kuyemeza;
(3) Kungurana ibitekerezo ku ivugurura ry'imiterere n'imikorere y'Ihuriro hakurikijwe itegeko rishya/ *Itegeko Ngenga Nº 10/2013/OL ryo kuwa 11/07/2013, rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki*.

Ku ngingo yo kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 25/06/2013, Inama Rusange yayemeje imaze kuyikorera ubugororangingo.

Inama Rusange yemeje Raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari mu mwaka w'ingengo y'imari 2012/2013 nyuma yo kuyunguranaho ibitekerezo no kuyikorera ubugororangingo.

Ku ngingo yo kungurana ibitekerezo ku ivugurura ry'imiterere n'imikorere y'Ihuriro hakurikijwe itegeko rishya rigenga Imitwe ya politiki ryemeje ko kuba mu Ihuriro ari ubushake, Inama Rusange yagejeweho ibitekerezo bya *Komisiyo Mbonezabupfura* byerekana ko Ihuriro ari urwego rusanzwe ruriho kuko rwashyizweho n'itegeko Nshinga; Imitwe ya politiki isanzwe mu Ihuriro ikazashyira umukono ku Mategeko Ngengamikorere avuguruye nk'ikimenyetso kigaragaza ko ikomeje kuba mu Ihuriro.

Ku byerekeye Umutwe wa politiki mushya ushaka kuba mu Ihuriro, uzajya ubisaba hakurikijwe ibizateganywa n'Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro avuguruye nk'uko bivugwa n'ingingo ya 50 y' *Itegeko Ngenga Nº 10/2013/OL ryo kuwa 11/07/2013 rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki*.

Inama Rusange yemeje ishingiro ry'ivugurura ry'inyandiko z'ibanze zigenga imikorere y'Ihuriro, ishinga Komisiyo gukomeza kuzinonosora ingingo ku yindi; Inama Rusange ikazongera guterana mu gihe cy'ukwezi kugirango izemeze.

Inama yatangiye saa tatu (9h00') irangira saa sita (12h00).

Bikorewe i Kigali, kuwa 24 Ukwakira 2013.

**KAYIGEMA Anicet**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**